# DRC: Amerika irasaba u Rwanda kuvanayo misile zo guhanura indege no kureka gufasha M23

https://www.bbc.com/gahuza



AHAVUYE ISANAMU AFP

*Abarwanyi ba M23 bafite ibikoresho bikomeye, ariko uyu mutwe uhakana gufashwa n'u Rwanda*

Amerika ivuga ko yamaganye ubufasha bw'u Rwanda ku mutwe witwaje intwaro wa M23 urwanya leta ya DR Congo, ndetse isaba ko "aka kanya" ruvana muri Congo abasirikare barwo bose na za misile zo guhanura indege.
Amerika ivuga ko izo misile zirasirwa ku butaka, zishyira mu byago ubuzima bw'abasivile n'abasirikare bo kubungabunga amahoro b'Umuryango w'Abibumbye n'abo mu karere, abakora ubutabazi n'indege zitwara abagenzi mu burasirazuba bwa Congo.
Matthew Miller, umuvugizi wa minisiteri y'ububanyi n'amahanga y'Amerika, yagize ati:
"Ni ingenzi cyane ko leta zose zubaha ubusugire bwa buri leta kandi abahonyoye uburenganzira bwa muntu mu ntambara mu burasirazuba bwa DRC zikabibaryoza."
U Rwanda rwakomeje guhakana gufasha M23.
Ariko mu nama y'umuryango w'Ubumwe bw'Afurika i Addis-Abeba muri Ethiopia, Perezida w'u Rwanda Paul Kagame yavuze ko rutazigera na rimwe ruzuyaza cyangwa ngo rusabe imbabazi ku bwo kurinda umutekano w'abaturage barwo, cyangwa ngo rubisabire uruhushya.

Yongeyeho ko u Rwanda rugishishikajwe n'amahoro, binyuze muri gahunda zashyizweho mu karere, nkuko byatangajwe ku rubuga X na Stephanie Nyombayire ushinzwe itangazamakuru mu biro bya perezida.
Hagati aho, Afurika y'Epfo yatangaje amazina y'abasirikare bayo babiri, bo mu butumwa bw'ingabo z'akarere za SADC, bishwe n'igisasu muri Congo muri iki cyumweru.
Yavuze ko abo ari Kapiteni Simon Mkhulu Bobe na Lance Corporal Irven Thabang Semono, bari abo muri batayo y'abasirikare barwanira ku butaka.
Mu itangazo ku cyumweru, Amerika ivuga ko yamaganye bikomeye kuba umutekano mucye urimo kurushaho kuzamba mu burasirazuba bwa DR Congo, bitewe na M23 ifashwa n'u Rwanda, yanafatiwe ibihano n'Amerika n'Umuryango w'Abibumbye.
Amerika ivuga ko inamaganye ibitero byo mu gihe cya vuba aha gishize bya M23 ku mujyi wa Sake, uri mu ntera ya kilometero 25 mu majyaruguru ashyira uburengerazuba bwa Goma, umurwa mukuru w'intara ya Kivu ya Ruguru.




Miller yagize ati: "Dusabye M23 guhagarika imirwano aka kanya no kuva mu birindiro byayo by'ubu mu nkengero za Sake na Goma kandi nkuko bijyanye na gahunda za Luanda na Nairobi."

Amerika yanasabye leta ya Congo gukomeza gushyigikira ingamba zo kubaka icyizere no kureka gufatanya n'umutwe witwaje intwaro wa FDLR, ufatwa n'imiryango yo mu karere na leta ya Congo ko "ugamije ikibi" ("negative force"), kuko ibyo bishyira abaturage b'abasivile mu kaga.

Amerika ivuga ko kwiyongera kw'imirwano mu bihe bya vuba aha bishize, byongereye ibyago ku bantu babarirwa muri za miliyoni, basanzwe bahura n'ibibazo byo guta ingo zabo, kubura iby'ibanze mu buzima no kugabwaho ibitero.

Ivuga ko ikomeje gushyigikira ibikorwa bya diplomasi byo mu karere bishyira imbere guhosha imirwano no gutuma habaho amahoro arambye muri Congo.

Iti: "Turasaba impande zose kugira uruhare rwubaka mu kugera ku gisubizo cyumvikanyweho."